**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**

**B.P. 160 KIGALI**

**Website: www.minijust.gov.rw**

# POLITIKI YO GUKEMURA AMAKIMBIRANE HATISUNZWE INKIKO

**Nzeli, 2022**

## ISHAKIRO

IMPINE Z'AMAGAMBO.......................................... 4

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI.......................................... 5

IJAMBO RY'IBANZE.......................................... 7

INSHAMAKE.......................................... 8

I. INTANGIRIRO.......................................... 10

II. ISESENGURA RY'IMITERERE Y'UKO IBINTU BIMEZE.......................................... 11

2.1. Isesengura ry'imbaraga, intege nke, amahirwe n'imbogamizi.......................................... 12

2.2. Ibitekerezo by'abafatanyabikorwa.......................................... 13

III. ICYEREKEZO CYA POLITIKI.......................................... 13

3.1. Icyerekezo.......................................... 13

3.2. Inshingano.......................................... 13

3.3. Intego.......................................... 13

3.3.1. Intego Rusange.......................................... 13

3.3.2. Intego zihariye.......................................... 14

3.4. Amahame ngenderwaho.......................................... 14

3.4.1 Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bigomba kuba umuco n'ibikorwa by'abaturage ubwabo.......................................... 14

3.4.2 Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko byubakirwa ku byifuzo n'inyungu by'abafitanye ikibazo.......................................... 15

3.4.3. Kwitabaza gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bikorwa ku bushake.......................................... 15

3.4.4. Kugira ibanga.......................................... 15

3.4.5 Gukorerwa mu rubuga rutekanye.......................................... 15

3.4.6. Kwita ku ihungabana.......................................... 16

3.4.7. Kuba uburyo buboneye, buhuza ibikorwa, kandi bwubakiye ku nzego z'ubumenyi bw'ingeri zinyuranye.......................................... 16

3.4.8 Kugira ibiganiro bihoraho by'abafatanyabikorwa.......................................... 16

3.5. Guhozaho isesengura ryigira ku mikorere n'imigenzereze myiza.......................................... 16

IV. IBIKORWA BYA POLITIKI BYIMIRIJWE IMBERE.......................................... 17

V. GAHUNDA YO GUSHYIRA MU BIKORWA IYI POLITIKI.......................................... 18

5.1. Ibikorwa birambuye.......................................... 18

5.2. Gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.......................................... 18

5.2.1. Intego za gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.......... 18
5.2.2. Ibyiciro bya gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko .......... 18
5.2.3 Amatsinda y'abantu y'ingenzi arebwa n'ubukangurambaga ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.......... 19
5.2.4. Ubutumwa bw'abafatanyabikorwa .......... 20
VI. IBIJYANA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI POLITIKI .......... 20
6.1. Ibijyana n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki byo mu rwego rw'imari .......... 20
6.2. Ibijyana n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki byo mu rwego rw'amategeko .......... 21
VII. IKURIKIRANABIKORWA N'ISUZUMABIKORWA .......... 22
IMIGEREKA .......... 23

**IMPINE Z’AMAGAMBO**

| | |
|---|---|
| ADR | Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko |
| JRLOS | Urwego rw’Ubutabera, Ubwiyunge, Amategeko n’Umutekano |
| KIAC | Ikigo Mpuzamahanga cy’Ubucyemurampaka cya Kigali |
| NST1 | Gahunda y’Igihugu yo Kwihutisha Iterambere |

## IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI

**1**. **Ubububuranyi:** Ni uburyo bukoreshwa mu nkiko cyangwa inzira zo gukemuramo amakimbirane aho ibyifuzo bivuguruzanya by'impande zombi bigaragazwa n'abazihagarariye mu mategeko babifitemo inyungu. Nk'urugero, mu manza nshinjabyaha, hakoreshwa uburyo bugizwe n' ibice bibiri mu nkiko aho uruhande rumwe ruba rushinja ibyaha rukaba ruhanganye n'urundi ruhande rwiregura.

**2. Ubucyemurampaka mfatacyemezo**: Iyi mbumbantekerezo iganisha ku nzira zikoreshwa mu gufata ibyemezo ziba zirimo uruhande rumwe rudafite aho rubogamiye rugira ububasha bwo gufata icyemezo gihinduka itegeko, binyuze mu buryo bukoreshwa mu gukemura impaka. Ubucyemurampaka mfatacyemezo bukorwa mu buryo bunyuranye, ariko kenshi na kenshi bikorwa n'inkiko.

**3. Ubwunzi bushingiye ku baturage**: Ni uburyo bw'ubwunzi bukoresha inzira zubaka hagamijwe gukemura ubushyamirane cyangwa amakimbirane aba ari hagati y'abantu, amatsinda cyangwa amashyirahamwe, bushingira ku baturage mu ihuriro babarizwamo. Muri urwo rwego, abitabiriye ubwunzi bagenzura igikorwa cy'ubwunzi kandi bagishyiraho uburyo bwabo bwite bukuraho ukwishishanya, gushyamirana bisenya, guhora mu manza cyangwa kwitabaza imbaraga n'urugomo.

**4**. **Ubuhuza:** Ni inzira ikoreshwa mu gukemura amakimbirane aho uruhande rwa gatatu, rugomba kuba rudafite aho rubogamiye kandi ari nta n'inyungu rufite mu myanzuro y'ubuhuza kandi rukaba rudashobora gutegeka ko hafatwa icyemezo iki n'iki, ruyobora abafitanye amakimbirane hifashishijwe uburyo bw'ibiganiro bitari urubanza hagamije gukemura amakimbirane. Ni inzira ifasha guhuza abafitanye amakimbirane mu buryo butaziguye, kurema icyizere n'ubwizerane muri buri muntu, gushyiraho umurongo w'ibiganirwaho, gusobanura imiterere y'ibibazo, kugena aho ibiganiro bibera, gucubya ubushyamirane no gusuzuma inyungu za buri ruhande, bityo impande bireba zikaza kwifatira umwanzuro uzinogeye.

**5. Ubwumvikane ku byerekeranye n'imigendekere y'urubanza nshinjabyaha**: Ni inzira ikoreshwa n' ukurikiranyweho icyaha n'umushinjacyaha bakabasha kugera ku bwumvikane ku byerekeranye n'imigendekere y'urubanza nshinjabyaha bikemezwa n'urukiko. Ubwumvikane ku byerekeranye n'imigendekere y'urubanza nk'uru bisaba kenshi na kenshi ko ukurikiranyweho ibyaha yiregura yemera ibyaha akurikiranyweho, akaregwa bicye cyangwa kimwe yemera mu byaha akurikiranyweho. Ashobora kandi kuburana yemera ibyaha byose akurikiranyweho, ariko babyumvikana batyo Ubushinjacyaha bukamusabira kugabanyirizwa igihano. Urukiko ariko rufite ububasha bwo kutita ku byo umushinjacyaha yarusabye.

**6. Ubuhuza bwunnga mbere yo gutanga ikirego**: Ni uburyo bwo kugerageza gukemura ikibazo mbere yo kuregera inkiko. Ni uburyo bwo kumvikana bukoreshwa mbere yo gutanga ikirego mu rukiko aho urega n'uregwa bajya hamwe bagakemura amakimbirane mu bwumvikane.

**7**.**Ubwunzi ntegurarubanza**: Ni uburyo buzwi ku izina ry'inama ntegurarubanza. Ni inama iyoborwa n'umwanditsi w'urukiko ufite uburambe mu kazi usuzuma ikibazo mu miterere yacyo

yose noneho akaba yafasha impande zirebwa n’ikibazo gushakira hamwe uburyo bwo kugerageza gukemura amakimbirane, aho kwishora mu manza.

**8. Amatsinda nsanasano:** Ni uburyo bwubaka kandi bukagarura umubano hagati y’abantu bagiranye ikibazo cyangwa ibibazo, binyuze mu gusangira amahirwe no gutegana amatwi, babifashijwe n’itsinda ry’abandi. Ubutabera nsanasano buha abaturage amahirwe yo kuza hamwe bagakemura ikibazo cy’imyitwarire yangiza hifashishijwe inzira yo gushakisha ibikorwa bisenya, ibikenewe, inshingano n’ibyo abantu biyemeza gukora bya ngombwa.

**9. Ubutabera nyumvishamunyacyaha**: Ni uburyo bw’ubutabera nshinjabyaha bwibanda cyane ku kugenera uwakoze icyaha ibihano bimwumvisha, aho kwita ku kumugorora. Nk’uburyo bw’ubutabera nshinjabyaha, ubu buryo bwibanda gusa ku bihano aho kwibanda ku ikumirwa ry’ikorwa by’ibyaha mu gihe kizaza.  Muri iyi myumvire, hakurikizwa ihame ko urenze ku mategeko nta kindi inzego z’ubutabera ziba zisabwa uretse kumugenera ibihano bimubabaza uko biteganywa n’itegeko.

## IJAMBO RY'IBANZE

Uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ntabwo ari bushya mu mateka y'u Rwanda. Kuva kera na kare, Abanyarwanda bifashishaga uburyo bwo gukemura amakimbirane bushingiye ku ruhare rw'abaturage mu nzego zitandukanye zikemura amakimbirane. Abantu bakemuriraga amakimbirane y'ubwoko bwose mu miryango, ku bufatanye n'abaturanyi, rimwe na rimwe bakajya imbere y'abayobozi mu nzego zitandukanye ariko mu buryo busigasira amahoro, bwubaka umubano kandi bugashimangira umubano hagati yabo.

Usibye no kuba ari ihame riri mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 ko ari ngombwa gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye, gushyiraho Politiki y'igihugu yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bigaragara no muri gahunda yo kwihutisha iterambere - NST 1 mu nkingi yayo ya mbere y'ingenzi yerekeye imiyoborere igamije kwimakaza uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, guteza imbere umuco wo gukemurira amakimbirane mu miryango no gukemura amakimbirane mu bwumvikane.

Muri urwo rwego rw'ingenzi, igenabikorwa ry'Urwego rw'Ubutabera, Ubwiyunge, Amategeko n'Umutekano (JRLOS) ry'igihe cy'imyaka itandatu 2018/2019-2023/2024 rikubiyemo n'ibikorwa birebana no kugeza ubutabera kuri bose, hateganyijwe gutegura no gushyira mu bikorwa Politiki yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko hagamijwe gushimangira ko abaturage bagira uruhare mu butabera bubaboneye kandi bakabugira ubwabo.

Mu rwego rwo gushyiraho iyo Politiki izahuza inzego zisanzwe, gutangiza izindi nzego nshya aho bigaragara ko ari ngombwa no gutegura inyandiko ngenderwaho zose zijyanye no gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, amategeko n'amabwiriza asanzweho ashishikariza cyangwa ayobora abantu bafitanye amakimbirane kugera ku bwumvikane nta manza zibayeho yarasesenguwe, hasuzumwa uburyo bukoreshwa bwemewe n'ubutemewe, habazwa abatangamakuru b'ingenzi hanakorwa ibiganiro mu matsinda mu rwego rwo gukusanya ibitekerezo, hagamijwe kubinoza no gushyiraho Politiki iboneye ishingiye ku mahame yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kugira ngo izayobore ibikorwa byo mu gihe kizaza kandi izakoreshwe mu guhuza ibikorwa igire n' uruhare mu mitangire ya Serivisi z'Ubutabera.

Abafatanyabikorwa batandukanye harimo inzego za Leta, abafatanyabikorwa mu iterambere, abikorera n'Imiryango itari iya Leta bagize uruhare runini mu itegurwa ry'iyi Politiki. Kubera iyo mpamvu, turabashimira kubera umwanya wabo bigomwe n'ibitekerezo by'ingirakamaro batanze kugira ngo iyi Politiki ibashe gutegurwa. Twizeye ko tuzakomeza gukorana bya bugufi n'abafatanyabikorwa hagamijwe gushyira mu bikorwa, gukurikirana no gusuzuma iyi Politiki mu buryo bunoze, kugira ngo itange umusaruro itezweho.

**Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta**

## INSHAMAKE

Iyi Politiki iha u Rwanda icyerekezo rugenderaho mu kunoza, guhuza ibikorwa no gusakaza mu buryo buhoraho ikoreshwa ry'uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu ngeri zose z'ubuzima. Mu gukora ibyo, u Rwanda rushingira ku byaranze amateka n'umuco byarwo n'ingamba zo mu rwego rw'igihugu zo kwishakamo ibisubizo, ari na ko rwongerera imbaraga urwego rw'ubutabera hifashishijwe ibishya kandi byiza bigenda biboneka mu rwego mpuzamahanga.

Mu itegurwa ry'iyi Politiki, hakozwe ubushakashatsi bwimbitse ku nzira wo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ku rwego mpuzamahanga, urw'akarere u Rwanda ruherereyemo n'urw'igihugu. Usibye inyandiko zitandukanye zasesenguwe, abaturage bagishijwe inama hagamijwe gukusanya ibitekerezo by'abantu bose bakoresha izi nzira n'abagenerwabikorwa bazo. Ubwo bushakashatsi bwageze ku myanzuro ishimangira iyi Politiki ikurikira:

- **Abanyarwanda bakunda inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko**: N'ubwo Abanyarwanda bagaragaza ko biringira imanza zicibwa n'inkiko, muri rusange ntibishimira imyanzuro yazo; bityo bakaba bahitamo gukemura amakimbirane mu buryo abantu bose barebwa na yo bashobora kugiramo uruhare, bakaganira bakagira imyumvire imwe itanga igisubizo cy'ikibazo.
- **Abanyarwanda bafata inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko nk'umwimerere nyarwanda:** N'ubwo ijambo ADR ryatangiriye kandi rigakoreshwa mu bihugu by'iburengerazuba bw'isi, Abanyarwanda basanga ari uburyo busanzwe kuri bo, bushingiye ku mateka no ku muco byabo, bukoreshwa mu gushakira ibisubizo amakimbirane n'ubushyamirane.
- **Ubuhuza n'ubwunzi bugenda burushaho kugaragara kandi mu buryo buhoraho nk'uburyo bwa ADR bukunzwe kurusha ubundi ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga**: Habaho ubwoko bunyuranye bwa ADR, ariko n'ubwo bunyuranye, inyito zabwo zishobora gukoreshwa imwe mu mwanya w'indi, cyane cyane ku buhuza, ubukemurampaka n'ubwunzi.
- **Mu Rwanda, ni ngombwa kunoza no guhuza ibikorwa birebana n'inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, cyane cyane ubuhuza n'ubwunzi**: N'ubwo mu Rwanda hariho uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bwashyizweho n'ubuyobozi n'ubwo abantu bishyiriraho, ntabwo buranoga uko bikwiye. Uburyo bwa ADR bugomba guhuzwa no kwinjizwa mu rwego rw'ubutabera busanzwe hagamijwe koroshya uburyo imyanzuro yafashwe ku bushake ishobora gushyirwa mu bikorwa n'igihe rumwe mu mpande zayifashe rwashaka kwisubiraho impitagihe.
- **Nyuma y'ubukoloni na jenoside yakorewe Abatutsi, ni ngombwa ko inzira zo gukemura amakimbirane hatisunwze inkiko zita ku ihungabana abantu bagize**: Ubushakashatsi bwagaragaje ko imiterere n'inihindagurikire y'amakimbirane n'ibyaha bigenda bikorwa mu Rwanda bifite imizi mu bikomere byasizwe n'amateka yarwo. Ku bw'amahirwe, ubwo bushakashatsi bushyigikira umwanzuro uvuga ko gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ari bwo buryo bunoze kandi buhamye kurusha ubundi, bwafasha abanyarwanda gushakira ibisubizo impamvu n'ingaruka z'ihungabana rishingiye

ku mateka n'umuco byarwo, kandi bikaba byakomora umuryango w'abanyarwanda mu buryo burambye.

Bimwe mu byifuzo by'ingenzi bikubiye muri iyi Politiki ni ibi bikurikira:

- **Gushyiraho uburyo bw'ubuhuza n'ubwunzi mbere yo gutanga ikirego mu manza zirebana n'umuryango, umurimo, ubutegetsi, ubucuruzi n'izindi manza zose z'imbonezamubano;**
- **Kugira itegeko uburyo bwo kunga mbere yo gutanga ikirego mu manza mbonezamubano n'iz'umurimo;**
- **Gushyiraho uburyo bw'ubutabera nsanasano mu manza nshinjabyaha;**
- **Gushyiraho uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bwita ku bibazo bishobora guturuka ku ihungabana rishingiye ku mateka cyangwa ku cyaha cyakozwe;**
- **Gushyiraho inzego n'amategeko biyobora kandi binoza ubuhuza n'ubwunzi;**
- **Kongerera inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ubushobozi no gukora ubukangurambaga ku byerekeranye n'uburyo bwifuzwa, no kumenyekanisha abatanga izo serivisi.**

Iyi Politiki yakomotse mu biganiro byo ku rwego rw'igihugu ku butabera mu Rwanda n'uko izi nzira zagira uruhare muri ubwo butabera. Umwanzuro w'ingenzi ni uko inzira z'ibiganiro zikomeza, bigashyigikirwa, bigakorwa neza kandi bigaterwa inkunga kugira ngo bibashe gukorwa mu buryo buhoraho kugira ngo ibyo biganiro n'amasomo abivamo bizahore bihuzwa n'uko ibintu biteye mu Rwanda n'uko bigenda bihindagurika. Muri make, iyi Politiki ni indorerwamo y'uburyo u Rwanda rwinyuza mu bibazo by'inzitane rukarangwa n'ubudaheranwa, rugakomeza kurenga ibikomeye byabaye mu mateka yarwo no kubyubakiraho icyizere cy'ahazaza.

# I. INTANGIRIRO

Iyi Politiki yifujwe na Guverinoma y'u Rwanda yasabye ko hashyirwaho Umurongo unoze w'inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko zishingiye ku bushakashatsi, zishimangira kandi zubakiye ku ndangagaciro nyarwanda, ari na ko zita ku yindi migenzereze myiza yo hirya no hino ku isi. Muri urwo rwego, hakusanyijwe ibitekerezo by'abaturage ku byerekeranye n'uko amakimbirane kera yakemurwaga mu Rwanda n'uko akemurwa ubu, hitawe ku biranga umuco nyarwanda mu bijyanye no gukemura amakimbirane. Byongeye kandi, abatanga n'abahabwa serivisi za ADR barabajijwe mu rwego rwo kumenya imbaraga n'intege nke ziri mu buryo bukoreshwa ubungubu no gukusanya ibitekerezo hagamijwe kunoza uburyo bukoreshwa. Hakozwe kandi ubushakashatsi ku migenzereze ya ADR ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo no ku rwego mpuzamahanga, hakaba haratanzwe ibitekerezo ku byerekeranye n'uburyo bwakoreshwa mu nzego zose z'ubuzima harimo izerekeranye n'imanza z'imiryango, iz'bucuruzi, iz'ubutegetsi, iz'imbonezamubano n'iz'inshinjabyaha n'izindi, kandi hagamijwe kunoza imitangire y'ubutabera.

Imbumbabitekerezo "**Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko**" cyangwa "ADR" ikunze gukoreshwa mu gusobanura uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane bukoreshwa byihuse mu mwanya w'inkiko. Muri rusange, isobanura uburyo bwinshi bukoreshwa mu gukemura amakimbirane yavutse hagati y'impande ebyiri bitanyuze mu nzira z'ubucamanza.

N'ubwo imbumababitekerezo "**Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko**" yatangiriye mu bihugu by'iburengerazuza bw'isi aho ubundi buryo bwose butari inkiko bufatwa nk'aho "busimbura inkiko", gukemura amakimbirane hashingiwe ku biganiro, cyangwa uruhare rw'abaturanyi hagamijwe kugera ku mwanzuro ubereye impande zose n'abaturage bifatwa n'abanyarwanda nk'inzira y'ubutabera buramba. Ibi ni na byo bigaragara mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 mu ngingo yaryo ya 10, igika cya 6 ivuga ko Leta y'u Rwanda yiyemeje kugendera ku ihame ryo gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

Intego y'iyi Politiki ni ugutuma abatuye mu Rwanda bose babasha gukemura amakimbirane mu buryo buboneye kandi bushimishije, bafite imyumvire imwe kandi bakagira uruhare mu gushakira hamwe ibisubizo bikwiye birebana n'amakimbirane, akarengane cyangwa kugirirana nabi mu muryango nyarwanda.

Iyi politiki itanga umurongo mugari kandi igashyiraho urwego rwo guhuriza hamwe abafatanyabikorwa bose mu byerekeranye no gukemura amakimbirane mu buryo buzafasha umuryango nyarwanda kubakira ku muco wawo wo gukoresha inzira z'ubutabera mu kurandura impamvu zitera amakimbirane n'ubugizi bwa nabi. Intego nyamukuru ni ugufasha Urwego rw'Ubutabera gutegura, gushyira mu bikorwa, no guteza imbere uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bukora neza, abantu babasha gukoresha, buhuza ibikorwa neza kandi bwuzuzanya n'inkiko, buzagira uruhare rukomeye mu gufasha igihugu kugera ku ntego zacyo zo kubaka ubushobozi bw'Abanyarwanda, kongera umusaruro wabo bakiteza imbere no kubungabunga ubumwe bwabo.

## II. ISESENGURA RY'IMITERERE Y'UKO IBINTU BIMEZE

Mu rwego rwo gutegura iyi Politiki ya ADR, hakozwe isesengura ry'imiterere y'uko ibintu bimeze, Hasuzumwa inyandiko zigaragaza ibyiciro by'ubuzima mu mibereho y'abantu mu Rwanda bikenewemo kwitabaza inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, ku buryo hamenyekana udushya tugaragara muri izo nzira hirya no hino ku isi, mu butabera busanzwe buca imanza mbonezamubano n'iz'inshinjabyaha, hashingiwe ku muco, harebwe neza ibishya biboneka muri izo nzira hakajyaho politiki n'ingamba zijyanye, amategeko, imigenzereze yashyizweho n'ubuyobozi n'iyo abantu bishyiriraho, n'uko ibintu bimeze hirya no hino ku isi mu manza z'imbonezamubano n'inshinjabyaha.

Hatoranyijwe ibigo n'abantu bamenyereye gukoresha izi nzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bakorwaho ikiganiro mu buryo bwimbitse, yaba buri wese ku giti cye cyangwa mu buryo bw'ibiganiro by'amatsinda biyobowe n'impuguke, ndetse hakorwa n'ibiganiro by'amatsinda y'icyitegererezo hamwe n'abagenerwabikorwa ba serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko. Habajijwe abantu 281 kuri 300 bari bateganyijwe, batoranijwe mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali hashingiwe ku myaka yabo, imirimo bakora, igitsina, uburambe mu kazi n'imikorere yabo mu rwego rwa ADR.

Isesengura ry'ibyavuye mu bushakashatsi ryagaragaje ibi bikurikira:

- Muri rusange Abanyarwanda bakunda imanza n'ubwo birangira batanyuzwe n'ibyemezo by'inkiko;
- Barangwa no kwifuriza uwabahemukiye ubutabera buhana bikakaye, ariko na none ugasanga barifuza cyane ubutabera bwunga buha ubushobozi n'uruhare imiryango n'abaturage;
- Mu Rwanda hari hensi abantu bitabaza uburyo bwo gukemura amakinbirane hatisunzwe inkiko butashyizweho n'ubuyobozi, bukorwa nta mabwiriza mbonezamwuga, kandi budafitanye isano n'inkiko;
- Bamwe mu batanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ntibafite ubumenyi bw'ibanze muri uwo murimo, bakoresha cyimeza;
- Nta buryo buriho bw'imikoranire no guhuza ibikorwa by'abatanga serivisi zo gukemura amakimbirene hatisunzwe inkiko bwababafasha gukusanya amakuru, kuyahanahana, gutegura inyandiko, gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bijyanye n'uwo murimo;
- Hari amategeko menshi ateganya gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko muri gahunda zitandukanye, ariko nta buryo bwo kubahiriza ibyo ateganya buriho;
- Ubutabera butangirwa mu nkiko buritabazwa cyane, kandi Abanyarwanda bakunze uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kuko bushyira imbere uburenganzira, ibyifuzo n'imibanire by'abantu;
- Abanyarwanda babona gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko byakoreshwa mu nzego zose z'ubutabera, uretse ku byaha bikomeye nko kwibisha intwaro, gusambanya abana, gufata abagore ku ngufu, ruswa, iterabwoba n'ibindi byaha bishobora guhungabanya umtekano w'igihugu.

### 2.1. Isesengura ry'imbaraga, intege nke, amahirwe n'imbogamizi

Isesengura ry'imbaraga, intege nke, amahirwe n'imbogamizi ku bijyanye n'inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ryakozwe ryagaragaje ibi bikurikira:

**a. Imbaraga:**

- Kuba hari serivisi zashyizweho n'ubuyobozi zicyemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bishingiye ku mategeko, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho itangwa n'ubuyobozi zigatanga umusaruro mwiza;
- Umuco wo kwishakamo ibisubizo wagiye ufasha Abanyarwanda gukemura ibibazo, gukomeza Ubumwe n'Ubwiyunge no gushimangira imibanire yabo.

**b. Intege nke:**

- Kuba ari nta mirongo ngenderwaho iboneye igena politiki, ari nta ngamba zitanga icyerekezo ziriho no kuba ari nta rwego ruriho ruhuza ibikorwa by'abatanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko n'iby'abafatanyabikorwa;
- Kuba hari abantu benshi batanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu buryo butashyizweho n'ubuyobozi, ariko batabihuguwemo cyangwa ngo babe bibifitemo ubumenyi buhagije;
- Kuba hariho amategeko menshi ateganya komite cyangwa serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko atubahirizwa mu buryo buboneye;
- Kuba hatariho ibikoresho, ubumenyi, n'imikoranire n'inkiko bisabwa mu micungire ya serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.

**c. Amahirwe:**

- Ubushake nyakuri kandi bweruye bw'Abayobozi b'u Rwanda bwo gushimangira ADR bugaragarira muri Politiki zinyuranye, muri NST 1, mu ngamba n'amategeko bitandukanye;
- Kuba abanyarwanda bifuza cyane kugira ubushobozi bwo gucunga no gukemura amakimbirane bahereye kuri bimwe mu bintu biranga umuco wabo, uburyo bakoresha hamwe n'uruhare rw'abaturage n'urw'imiryango.

**d. Imbogamizi**

- Kuba ari nta buryo buriho bufasha abatanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kugira ubumenyi n'amakuru ku bibazo bishobora guturuka ku ihungabana.;
- Kuba bishoboka ko habaho ukubogama no kugira uruhande abantu bahereramo mu bibazo bimwe na bimwe kubera ruswa, icyenewabo cyangwa kutagira ubushobozi buhagije muri ADR.

### 2.2. Ibitekerezo by'abafatanyabikorwa

Hashingiwe ku bibazo byagaragajwe no ku miterere y'ibikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, abafatanyabikorwa bagaragaje ibitekerezo n'ibyifuzo bitandukanye bikurikira:

- Hakenewe kongera imbaraga mu miterere, ubuhuzabikorwa, imikorere n'imikoranire by'inzego zitanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu Rwanda;
- Serivisi zose zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko zikoreshwa mu Rwanda zikeneye guhuzwa n'uburyo bukoreshwa n'inkiko kugira ngo byombi bibashe kuzuzanya mu buryo bukwiye;
- Serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko zigomba gushyirwamo imbaraga kandi zigatangwa n'abantu bafite ubumenyi n'ubushobozi bwo gufasha abo zigenewe, birusheho no gutanga umusaruro ukenewe;
- Serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko zikwiye kuba hafi y'abagenerwabikorwa, zikaba zizwi kandi zishobora kugera kuri buri muturage zimuhendukiye muri buri rwego rw'amategeko: byaba mu mategeko yerekeye umuryango, ayerekeye umurimo, ubutegetsi, imanza z'inshinjabyaha n'iz'ubucuruzi;
- Serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko n'abazitanga bikwiye kwita kuri bose ntawe uhejwe byaba bishingiye ku gitsina, ku myaka y'ubukure, cyangwa ku kuba abantu ari abanyantege nke.

## III. ICYEREKEZO CYA POLITIKI

### 3.1. Icyerekezo

Icyerekezo cya Politiki yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ni: "Umuryango w'Abanyarwanda ushyize hamwe, wiyunze, udaheza kandi ukemura ibibazo, aho abaturage bagira uruhare runini mu kwikemurira amakimbirane no kurwanya ubugizi bwa nabi n'ibyaha, bayobowe kandi bashyigikiwe n'inzego zifite mu nshingano zazo ibijyanye no gukemura amakimbirane no gushyira mu bikorwa imyanzuro yafashwe".

### 3.2. Inshingano

Inshingano za Politiki y'u Rwanda yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ni izi zikurikira: "Gushyiraho, gushimangira no kunoza mu buryo buhoraho uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bufite ubuhuzabikorwa, bufite amikoro, bukora neza bugera kuri bose, kandi bukorana neza n'inkiko."

### 3.3. Intego

#### 3.3.1. Intego Rusange

Intego rusange y'iyi Politiki ni ugutanga imirongo ngenderwaho mu ishyirwaho ry'uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bukora neza, bugerwaho na bose kandi buhuriza

hamwe ibikorwa byabwo mu buryo bugezweho, bushingiye ku muco no ku ndangagaciro z'Abanyarwanda no ku ntego z'igihugu kandi bukorana n'inkiko.

Bitabangamiye ihame ryo kuryozwa ibyaha, gutanga ibihano, no guhashya abagizi ba nabi, ni ngombwa guhuza neza ibikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko n'imikorere y'inzego z'ubutabera bw'u Rwanda kugira ngo byuzuzanye, hatangwe ubutabera buboneye kandi bushingiye ku ndangagaciro z'umuryango nyarwanda.

### 3.3.2. Intego zihariye

Uretse intego rusange, iyi Politiki ifite intego zihariye zikurikira:

- Gushimangira inzego z'amategeko n'iz'ubugenzuzi mu bijyanye n'itangwa rya serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko;
- Gushyiraho uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bwubatse neza hashingiwe ku bushobozi buhari;
- Kunoza amategeko agenga imikorere myiza ya serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko;
- Kongera ubushobozi bw'abaturage aho batuye mu bikorwa byo kunga no guteza imbere ubutabera nsanasano bwita ku mpande zose ziri mu kibazo;
- Kubyitaho, hakifashishwa ubukangurambaga bwimbitse, abaturage b'abanyarwanda bakamenya inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, bakazumva, bakabigira ibyabo, kandi bagakoresha inyungu n'amahirwe atangwa na zo ntawe uhejwe.

## 3.4. Amahame ngenderwaho

### 3.4.1 Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bigomba kuba umuco n'ibikorwa by'abaturage ubwabo

Iyi Politiki igamije kwagura uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bukoreshwa n'abaturage. Ni ukuvuga ko hagomba gushyirwaho uburyo buboneye bwo kunga abafitanye amakimbirane mu baturage igihe cyose avutse. Muri iyi Politiki, ijambo abaturage ntirivuga gusa abantu batuye ahantu runaka, rinavuga imiryango yabo, ndetse n'aho bakorera akazi cyangwa ibikorwa byabo bya buri munsi. Ubwunzi, ubuhuza, ubucyemurampaka cyangwa ubundi buryo bwo gukemura akamimbirane hatisunzwe inkiko ntibugomba gutangwa gusa mu bagize umuryango mugari n'abayobozi babo, ahubwo abaturage bagize umuryango mugari ubwabo bagira uruhare mu gukemura amakimbirane; ibyo bakabikora bagamije gufasha kugera ku bisubizo birambye. Muri rusange, ibi ni uburyo bwo kwagura imbumbabitekerezo y'*Abunzi* ku bundi bwoko bw'amahuriro y'abaturage no kwagura ububasha bwa Komite z'Abunzi. Ibindi bijyanye n'iri hame ni ukubaka ubushobozi bw'abaturage mu kwishakamo ibisubizo birambye. Abaturage bafite uburenganzira n'inshingano mu gukemura amakimbirane no komora umuryango.

### 3.4.2 Gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko byubakirwa ku byifuzo n'inyungu by'abafitanye ikibazo

Intego z'ubwunzi n'ubuhuza mu Rwanda zizaba ari ugushaka ibisubizo bifatiye ku mpamvu n'ingaruka z'amakimbirane cyangwa ibyaha byakozwe, hashyirwaho uburyo bwo kumvikanisha impande zifitanye amakimbirane binyuze mu nzira z'ibiganiro, byibanda ku byifuzo n'inyungu n'uburenganzira by'impande zombi. N'ubwo ubwo buryo bushobora gukoreshwa mu kugaragaza ukuri kw'ibyabaye, bunakoreshwa mu gucukumbura ukuri kwimbitse ku bijyanye n'uko twebwe Abanyarwanda dufite ibyo dusangiye n'uko dushobora kubabazanya, komorana no gufashanya hagati yacu, buri muntu agaha undi iby'ibanze akeneye bigize ubumuntu twese duhuriyeho, nko guhabwa agaciro, umutekano, ukwigira, kumvwa no kwitabwaho.

### 3.4.3. Kwitabaza gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bikorwa ku bushake

Ihame ry'ibanze ry'ubuhuza n'ubutabera nsanasano ni uko bugibwamo ku bushake. Umuntu ashobora gusabwa kwitabira ubwo buryo, ariko abantu bireba bashishikarizwa kwifatira ibyemezo, harimo no gukomeza cyangwa guhagarika iyo nzira. Bwa nyuma, abitabiriye inzira y'ubuhuza ni bo bifatira icyemezo ku biva muri icyo gikorwa; ubwumvikane bugomba gukorwa ku bushake kugira ngo bugire agaciro.

### 3.4.4. Kugira ibanga

Ihame ni uko ibiganiro mu buhuza bigomba gukorwa mu ibanga. Cyakora hari igihe abitabiriye igikorwa cy'ubuhuza bashobora kutita ku ihame ry'ibanga kandi na zimwe muri gahunda zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko zigategurwa ku buryo ibikorwa byazo bitagirwa ibanga. Nyamara kandi, ni ngombwa kumva ko mu bintu byose bikorwa mu buhuza bwemewe, ibiganiro byose bikorerwamo bifatwa nk'ibanga. Nta kintu na kimwe mu bikorerwa mu bwunzi kigomba kugezwa mu rukiko kandi nta mwunzi ushobora guhatirwa gutanga ubuhamya ku byabereye mu gikorwa cy'ubwunzi.

### 3.4.5. Gukorerwa mu rubuga rutekanye

Gukemura amakimbirane no komora ibikomere bituruka ku cyaha umuntu yakorewe bibera ahantu hatekanye, aho buri muntu avuga yisanzuye. Ibi bivuze ko kenshi na kenshi ibiganiro bibera mu ibanga. Ariko ku rundi ruhande, bivuze ko abantu bakenera kumenya niba ibyo bavuga bizashyigikirwa kandi niba ari nta bikorwa byo kwihimura bizababaho cyangwa kuba baravuze beruye bikaba bitazabagiraho izindi ngaruka zitari nziza. Serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu Rwanda zigomba gutangirwa mu rubuga rutekanye kandi rubereye abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa kugira ngo ubutabera bubashe kugera ku bantu bose babukeneye.

### 3.4.6. Kwita ku ihungabana

Ihungabana rishobora kuba icyarimwe impamvu n'ingaruka z'amakimbirane cyangwa ikorwa ry'ibyaha kandi ibyo ni ko bigenda uko ibisekuru bigenda bikurikirana. Uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu Rwanda bugomba kwita ku ihungabana kugirango ritabuza abantu kwitabira ibikorwa byabwo no kubibyaza umusaruro, hagamijwe no gukumira ko hari umuntu wakongera guhura n'ihungabana cyangwa se kurihererekanya ibisekuru ku bindi rigasa n'irihindutse karande.

### 3.4.7. Kuba uburyo buboneye, buhuza ibikorwa, kandi bwubakiye ku nzego z'ubumenyi bw'ingeri zinyuranye

Gukemura amakimbirane cyangwa komora ibikomere bikomoka ku makimbirane cyangwa ibyaha ntibikorwa mu nzira imwe, mu buryo bumwe cyangwa mu rwego rw'ubumenyi rumwe. Uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkikobukora neza bugomba kuba buboneye kandi bugamije gukoresha neza amikoro ahari, mu nzira iganisha ku musaruro mwiza. Ubu buryo bugenda bunyurana bitewe n'ibibazo bikemurwa. Ubu buryo bugomba kujyana neza n'amategeko n'imikorere by'urwego rw'ubutabera muri rusange. Imikorere myiza y'inzira zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkikoizashingira ku ruhare rw'abantu babigize umwuga n'abatarabigize umwuga bo mu nzego zitandukanye, arikobafite ubumenyi mu byiciro binyuranye by'ubuzima. Ni yo mpamvu, ubufatanye n'ubuhuzabikorwa ari ingenzi kugirango ubwo buryo bubashe gukora neza.

### 3.4.8 Kugira ibiganiro bihoraho by'abafatanyabikorwa

Ibiganiro byimbitse kandi bihoraho ni byo biba bigamijwe, bikaba n'uburyo bw'ibanze bukoreshwa n'iyi Politiki. Nk'uko ibitekerezo bikubiye muri iyi Politiki ari umusaruro wavuye mu biganiro n'abakora mu rwego rukemura amakimbirane, abafatanyabikorwa n'abagenerwabikorwa, ni na ko bizakorwa mu kuyishyira mu bikorwa, kandi ibikorwa byose bizakurikiraho mu rwego rwo kuyinoza bizajya bikorwa mu biganiro.

## 3.5. Guhozaho isesengura ryigira ku mikorere n'imigenzereze myiza

Amahame iyi Politiki yubakiyeho akomoka mu bisubizo Abanyarwanda bamenyereye kwishakamo, n'imigenzereze myiza yo mu rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo no mu rwego mpuzamahanga.

Icyokora, amenshi mu mahame y'iyi politiki nko kwagura ikoreshwa ry'icyemura ry'amakimbirane hatisunzwe inkiko byubakiye ku ruhare rw'abaturage, ibiganiro bihoraho by'abafatanyabikorwa, imicungire y'ingaruka z'amakimbirane zikomoka ku ihungabana rishobora kuvuka, ibanga, urubuga rutekanye no kwita by'umwihariko ku bikenewe no ku nyungu z'abarebwa n'ibikorwa byo gukemura amakimbirane, ashingiye ku muco nyarwanda kandi akaba igice kimwe mu bigize ibisubizo Abanyarwanda bishatsemo. Ku rundi ruhande, gukorwa ari uko abo bireba babifitemo ubushake, ikoreshwa ry'inzego z'ubumenyi bw'ingeri nyinshi no kuba ari

ngombwa guhuza inzego zose z'ubuzima ni imwe mu migenzereze myiza n'ibipimo ngenderwaho byo mu rwego mpuzamahanga.

## IV. IBIKORWA BYA POLITIKI BYIMIRIJWE IMBERE

Iyi Politiki izashyirwa mu bikorwa binyuze mu bikorwa binini n'ibito bitandukanye bisobanuye neza kandi bifite ibipimo n'umusaruro ubitezweho, nk'uko bigaragazwa muri gahunda yo kuyishyira mu bikorwa. Iyo gahunda yaturutse mu bikorwa bya politiki nyambere bikurikira:

**4.1**. **Gushimangira gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu manza mbonezamubano n'iz'ubutegetsi** binyuze mu bwunzi n'ubuhuza mbere yo gutanga ibirego mu manza zirebana n'umuryango, iz'umurimo, iz'ubutegetsi, iz'ubucuruzi n'izindi z'imbonezamubano.

**4.2 Kugira gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko itegeko mbere yo gutanga ibirego mu manza zose mbonezamubano n'iz'ubucuruzi** bigakorwa n'abatanga serivisi z'ADR bose bo mu bwunzi bushingiye ku baturage, abagize urwego rw'abikorera, n'abakozi ba Leta babifitiye ububasha no gushimangira umuco wo gukemura ibibazo bitabaye ngombwa ko abantu bajya mu nkiko.

**4.3. Kwinjiza ubutabera nsanasano (justice restaurative) mu manza nshinjabyaha** ku bagize imiryango y'abakorewe ibyaha n'iy'abakoze ibyaha kandi abaturage bakagira uruhare mu gukumira, gukurikirana no mu bikorwa by'ubwunzi ku byaha bimwe na bimwe biba byatoranyijwe uko bikwiye no gusubiza agaciro abakorewe ibyaha n'ababikoze hamwe no kubungabunga indangagaciro z'umuryango mugari.

**4.4. Gushyiraho uburyo butuma gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko byita ku ihungabana** hagamijwe guhangana mu buryo buboneye n'ingaruka z'ihungana zishobora kuba ku uwakorewe ibyaha, uwabikoze, abaturage, no ku bandi bantu bagira uruhare mu gukemura ibibazo.

**4.5**. **Kunoza uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu manza z'ubucuruzi mpuzamahanga** hagamijwe kwagura serivisi zitangwa na KIAC mu rwego rw'ubuhuza n'ubundi bwoko bw'inzira zitabazwa bukomatanya ubuhuza n'ubukemurampaka, hashingiwe ku cyerekezo cy'isi mu bijyanye no gukemura amakimbirane mu bibazo by'ubucuruzi ku rwego mpuzamahanaga.

**4.6 Gushyiraho inzego zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko** hagamijwe gushyira mu bikorwa iyi Politiki, gukurikirana uko bikorwa, kuzuzanya no guhuza ibikorwa bya bose.

**4.7. Kubaka ubushobozi bw'abacyemura amakimbirane hatisunzwe inkiko** hashyirwaho gahunda y'amahugurwa agenewe ibyiciro binyuranye byabo no gutegura inyandiko zifashishwa mu micungire y'izo serivisi.

**4.8. Kunoza ubukangurambaga ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko** hagamijwe gusobanurira abaturage ibyiza by'izi nzira, uruhare n'amahirwe bafite yo kugira abatanga izo serivisi hafi yabo.

**4.9. Gutegura ibikoresho by'ikoranabuhanga bijyanye no gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko,** hagamijwe gutanga serivisi zifashisha ikoranabuhanga, zoroshye, kandi zihuta no gushyigikira imicungire n'imikurikiranire y'ibikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu bafatanyabikorwa bose.

## V. GAHUNDA YO GUSHYIRA MU BIKORWA IYI POLITIKI

### 5.1. Ibikorwa birambuye

Hashingiwe ku bikorwa bya politiki byimirijwe imbere, gahunda irambuye yo kubishyira mu bikorwa igaragaza intego, ibikorwa binini, ibikorwa bito, ibigamijwe, ingengabihe, n'inzego bireba yarateguwe ikaba yarashyizwe mu migereka y'iyi Politiki. Iyo gahunda izajya ivugururwa buri mwaka hashingiwe ku isesengura rihoraho mu rwego rwo kwirinda ko hari ingingo y'ingenzi yakwibagirana, kandi izajya inozwa hitabwa ku bikorwa bishya bishobora kuvuka.

### 5.2. Gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko

- Gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko izashingira ku byavuye mu biganiro n'abaturage kuri iyo Politiki hakurikijwe uburanararibonye bwabo, imigenzereze yabo, amasomo bavanyemo, impungenge bagaragaje n'ibyifuzo byabo.

#### 5.2.1. Intego za gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko

- Intego ya mbere ya gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ni ukumenya ko abaturage basobanukiwe, biyumvamo, kandi bakoresha uburyo bwo gukemura amakimbirane mu bibazo bijyanye n'imiryango yabo, aho bakorera, ibikorwa byabo, umurimo, ubutegetsi, n'izindi mpaka mbonezamubano.
- Intego ya kabiri ni ukongera ubukangurambaga n'ubumenyi ku bijyanye n'inyungu zo gukoresha serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko aho kugana inkiko.
- Intego ya gatatu ni ukumenyekanisha imigenzereze myiza yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko iriho ishobora gukoreshwa mu kubaka sisitemu ikora neza, igera kuri bose kandi irambye mu Rwanda.

#### 5.2.2. Ibyiciro bya gahunda y'ubukangurambaga no guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko

- Icyiciro cya mbere kizibanda ku gusakaza no gukora ubukangurambaga kuri Politiki yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, impamvu zatumye ishyirwaho, imigenzereze y'abatanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko n'aho bakorera. Iki

cyiciro kigamije gutegura umuryango nyarwanda ku mikorere yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko harimo ubwunzi n'ubuhuza bushingiye ku baturage n'ubwa kinyamwuga hamwe n'ibikorwa by'ubutabera busana amasamo hagati y'abagiranye ikibazo, hagasesengurwa ibyiza byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.

- Icyiciro cya kabiri kizaba kigamije gutegura abaturage ku byerekeranye n'ishyirwa mu bikorwa by'iyi Politiki, kubarangira abatanga serivisi za kinyamwuga, amabwiriza n'ibigenderwaho kugirango umuntu abashe gutanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko. Ubukangurambaga kandi buzafasha kumenyesha abatanga izo serivisi ibijyanye na gahunda zo kubaka ubushobozi ziriho no kubaha amakuru ku mikorere y'inzego zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.
- Icyiciro cya gatatu kizaba ari icyo gusuzuma umusaruro watanzwe n'ibikorwa byo guhanahana amakuru ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, ku Rwego rw'Ubutabera.

### 5.2.3 Amatsinda y'abantu y'ingenzi arebwa n'ubukangurambaga ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko

Muri ayo matsinda y'abantu arebwa n'ubukangurambaga harimo impande zirebwa cyangwa zigirwaho ingaruka na/cyangwa abantu bashobora kugira uruhare mu mikorere yerekeranye no gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.

- **Impande zifite uruhare mu makimbirane** zirebwa n'ubukangurambaga hakoreshejwe cyane cyane ibiganiro bya buri kwezi, bikorwa hagati y'abantu hagamijwe gukora ubukangurambaga bujyanye n'ubuhuza bukorerwa mu nkiko. Inzego z'ubutabera zifite inshingano zo kwereka impande zifitanye amakimbirane inyungu zo gukoresha ubwunzi cyangwa ubuhuza mu manza ziri mu nkiko, mu biganiro bihoraho byigisha n'ibitangirwamo amakuru bibera mu nkiko.
- **Urwego rw'Abikorera na Komite z'inzego z'Abikorera** hagamijwe kungurana ibitekerezo na bo ku migenzereze yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko isanzweho mu rwego rw'ubucuruzi, ibigenda neza, isano n'imikorere y'inkiko n'uruhare rwa Komite zishyiririrwaho gukemura amakimbirane.
- **Inzego za Leta/Guverinoma**, cyane cyane abafata ibyemezo, abayobozi bo mu nzego zo hejuru n'abatanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bo mu nzego za Leta.
- **Umuryango mugari w'abaturarwanda (abaturage bose),** cyane cyane abantu bafite ubushobozi bwo kumvikanisha ibitekerezo byabo mu gukangurira abandi baturage ibyerekeranye n'imigendekere yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.
- **Imiryango itari iya Leta**, cyane cyane iyifite uruhare muri serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko mu buryo butaziguye cyangwa ibikorwa bifitanye isano na zo kimwe n'iyindi ifite ubushobozi bwo kumvisha abafatanyabikorwa gufata ibyemezo bashingiye ku bitekerezo byayo.

- **Itangazamakuru** rifite ubushobozi bwo kumvikanisha ibitekerezo no gukoresha ibiganiro bitangirwamo ibitekerezo aho abantu bashobora kuvuga uko babona ibintu kimwe n'ubwo gutuma abashyiraho za politiki babasha gufata ibyemezo runaka.

### 5.2.4. Ubutumwa bw'abafatanyabikorwa

- Ubutumwa bugaragaza ibibazo by'abo bugenewe, ibyo bakeneye, n'ibyo bategereje. Ubutumwa bunyuranye buzategurirwa amatsinda atandukanye. Ubutumwa bwihariye buzibanda ku byo amatsinda yihariye akeneye no ku byifuzo byayo hagamijwe kuyobora abayagize mu biganiro byigisha bakorana.
- Ubutumwa buzatangwa mu buryo butandukanye harimo amatangazo yamamaza anyuzwa kuri radiyo, televiziyo, incengezamatwara, filimi ntoya, amatsinda y'ibiganiro kuri politiki, ubutumwa bugufi bunyuzwa kuri radiyo cyangwa televiziyo, inkuru ngufi mu bitangazamakuru, ibitabo n'ibinyamakuru, inama z'ubukangurambaga n'izihuza abantu.
- Ubutumwa bw'ingenzi bugenewe urwego rw'abikorera buzibanda ku mahirwe ajyanye no gukoresha ADR.
- Ubutumwa bw'ingenzi bugenewe inzego za Leta buzibanda ku kiguzi, igihe n'imitangire yihuse y'ubutabera n'uruhare rw'abaturage mu gutanga ubutabera.
- Ubutumwa bugenewe Imiryango itari iya Leta buzibanda ku bufatanye no guhuza imbaraga n'inzego za Leta ku byerekeranye na serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko no kuzihuza n'ibikorwa by'inkiko hagamijwe kugira itegeko ibyemezo biva mu bikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko. Urutonde rw'ibikorwa biteganijwe ruri muri Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa rya Politiki iri ku mugereka.
- Ubutumwa bwihariye bugenewe abatanga serivisi n'abagenerwabikorwa ku byerekeranye n'uburinganire bw'ibitsina byombi mu bikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko no kubihuza n'uburyo bwo gukemura amakimbirane mu miryango.

## VI. IBIJYANA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI POLITIKI

### 6.1. Ibijyana n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki byo mu rwego rw'imari

- Iyi Politiki iteza imbere imikoreshereze inoze y'imari yibanda ku mikoreshereze y'amikoro ari mu baturage mu gukemura amakimbirane ahaboneka. Iyi Politiki iteza imbere gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko idatwara amafaranga ahubwo hashyirwa imbaraga muri serivisi z'ubwunzi bukorerwa mu baturage mbere yo gutanga ibirego mu nkiko. Muri rusange, ubu buryo buha inshingano zo gutera inkunga gahunda zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko umuryango mugari amakimbirane avutsemo, binyuze mu bakorerabushake batanga izo serivisi. Kubera ko izo serivisi zikenera ko abahagarariye Leta bazigiramo uruhare, zishingira ku bakozi ba Leta basanzweho. Kandi, Urwego rushinzwe gahunda zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko ruzajya rwiinjiza amafaranga aturutse kuri serivisi zo gutanga amahugurwa, ibyemezo n'amasomo ahoraho.

- KIAC izakomeza gutanga serivisi no kubaka ubushobozi mu rwego rw'ubucyemurampaka n'ubuhuza. Ikigo gishinzwe gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kizashyirwaho hagamijwe kubaka ubushobozi mu bijyanye n'ubuhuza n'ubutabera nsanasano haba imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo; bityo kikazabasha kwihaza mu rwego rw'imari. Icyo kigo kizinjiza amafaranga azajya atangwa n'abatanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kizajya kigenzura uretse abakorerabushake bazatanga izo serivisi ku buntu, bityo bakazaba batagomba gutanga ayo mafaranga.

- N'ubwo kugendera ku nzego no ku mikoro ari mu baturage no ku buryo bwo kwikorera bizagabanya amafaranga y'imikorere, kubaka ubushobozi no gukora ubukangurambaga bizakenera inkunga y'amafaranga azatangwa na Leta cyangwa abafatanyabikorwa mu iterambere, ariko cyane cyane gushyiraho ikigo gishinzwe guhuza ibikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kugirango gishyire mu bikorwa ibikorwa by'iyi politiki bizatwara andi mafaranga. Muri rusange, ibikorwa bizatwara andi mafaranga angana na 2.478.400.000 frw mu gihe cy'imyaka 5 guhera muri 2021/22 kugeza muri 2026/27.

- Amafaranga ibyo bikorwa bizatwara n'aho amafaranga azaturuka biri ku mugereka.

### 6.2. Ibijyana n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki byo mu rwego rw'amategeko

Hazakenerwa ivugurura ry'amategeko ryimbitse kugirango iyi politiki ibashe gushyirwa mu bikorwa kandi urwego ruvugwa mu Ntego ya mbere ruzaba rufite inshingano zo gukurikirana ibikorwa by'ivugururwa ry'amategeko. Mu bintu by'ingenzi bizaranga iri vugururwa ry'amategeko hazaba harimo ibi bikurikira:

- Amategeko muri rusange agenga ibikorwa by'ubwunzi n'ubuhuza kubera ko ikigenderewe ari ubutabera butisunga inkiko butanga ibisubizo bishingiye ku bikenewe mu rwego rwo gukemura amakimbirane no guhagarika ubugizi bwa nabi; harimo ubwunzi n'ubuhuza mu bibazo by'imbonezamubano n'ubutabera nsanasano kimwe no kugera ku bwumvikane mu manza nshinjabyaha.

- Inyito y'ibanze ikoreshwa mu gusobanura inzira z'ubutabera nsanasano ni inzira zo kumara buri wese impumu n'impungenge no kumusubiza agaciro. Ibindi bintu by'ingenzi biranga amategeko azakoreshwa ni ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'ibikorwa byo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko. Amategeko ashyiraho amahame ngenderwaho akanashyiraho uburyo bukoreshwa mu gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko. Ayo mategeko ashyiraho Ikigo cyo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko kiyobora ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki.

- Itegeko ryo muri 2008 rigenga ubukemurampaka n'ubuhuza mu bibazo by'ubucuruzi rizavanwaho, hanyuma hashyirweho amategeko abiri atandukanye: itegeko rigenga ubukemurampaka n'itegeko rishya rigenga ubuhuza. Itegeko rigenga ubukemurampaka rizaziba icyuho kiboneka mu rwego rw'amategeko agenga ubukemurampaka ariho kandi ritume KIAC iba urwego rutanga umuyoboro mu bukemurampaka bukorwa.

- Itegeko rigenga ubwunzi rizifashisha Itegeko mbonera ryo muri 2008 rya UNCITRAL rigenga ubwunzi rivugurura Itegeko mbonera ryo muri 2002 rya UNCITRAL ku bukemurampaka mpuzamahanga mu bibazo by'ubucuruzi hagamijwe gukoresha ijambo ubuhuza mu mwanya w'ubukemurampaka no kuvugurura imikorere y'ubwunzi.

- U Rwanda ruzemeza Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye arebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo mpuzamahanga bifatwa mu rwego rw'ubuhuza - Amasezerano ya Sengapuru.

- Itegeko rigenga Abunzi rizavugururwa hagamijwe kongera ububasha bw'Abunzi bushingiye ku gaciro k'ikiburanwa mu karere bakoreramo no gusobanura ibyiciro bibiri by'imikorere y'Abunzi, icyiciro cya mbere kikaba ari ubuhuza naho ikindi kikaba ari ifatwa ry'icyemezo igihe impande zitabashije kugera ku bwumvikane.

- Itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano rizavugururwa kugira ngo ribashe kujyana n'iyi Politiki n'amategeko afitanye isano na yo.
- Amategeko yose arebana no gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko azavugururwa nk'uko bisabwa kandi ahuzwe hagamijwe guhuriza hamwe no kumenyekanisha aho abatanga serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko bakorera, koroshya ibijyanye no kubaka ubushobozi (amahugurwa) no guteganya ibizagerwaho mu gihugu cyose.
- Amategeko ahana azahindurwa kugirango abashe kujyana n'ubutabera nsanasano n'inzira yo kugera ku bwumvikane ku bijyanye n'imigendekere y'imanza. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha na yo azavugururwa kugirango abashe kujyana n'uburyo bukoreshwa mu butabera nsanasano.

## VII. IKURIKIRANABIKORWA N'ISUZUMABIKORWA

Ikurikiranbikorwa n'isuzumabikorwa rya politiki yo **gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko** ni igikorwa kizajya gikorwa ku bufatanye bw'abafatanyabikorwa bose bayobowe na Minisiteri y'Ubutabera. By'umwihariko ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa rizakorwa mu buryo bukurikira:

- Gushyiraho no gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gukora raporo zigaragaza ibibazo byakemuwe binyuze mu bwunzi mu nkiko hashingiwe ku gitsina;
- Gukora raporo ya buri mwaka igaragaza ibibazo byakemuwe binyuze mu bwunzi cyangwa ubuhuza bw'inkiko n'ibyakemuwe binyuze mu bwunzi n'ubuhuza butari ubw'inkiko;
- Gukora raporo ya buri mwaka ku bibazo byavuye mu Bushinjacyaha;
- Gusesengura umusaruro watanzwe n'uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko hifashishijwe ibikorwa by'abafatanyabikorwa bose no gutega amatwi abagenerwabikorwa ba serivisi zo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.

**IMIGEREKA**

1. Inyandiko yerekeranye n'Ubushakashatsi n'Iterambere kuri politiki yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.'ADR
2. Aho amafaranga azaturuka.
3. Amafaranga azakoreshwa.